

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° RYO KU WA/...../2008 RISOBANURA IBISABWA N'UBURYO BUKURIKIZWA MU GUKORA ISUZUMANGARUKA KU BIDUKIKIJE</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N°.....OF...../...../2008 RELATING TO THE REQUIREMENTS AND PROCEDURE FOR ENVIRONMENTAL IMPACT ASSESSMENT</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N°.....DU...../...../2008 RELATIF AUX EXIGENCES ET PROCEDURE A SUIVRE POUR UNE ETUDE D'IMPACT SUR L'ENVIRONNEMENT</p>
<p>ISHAKIRO</p>	<p>TABLE OF CONTENTS</p>	<p>TABLE DES MATIERES</p>
<p>UMUTWE WA MBERE : INGINGO RUSANGE</p>	<p>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</p>	<p>CHAPITRE PREMIER : DES DISPOSITIONS GENERALES</p>
<p><u>Ingingo ya Mbere</u> : Ibisobanuro</p>	<p><u>Article One</u>: Definitions</p>	<p><u>Article One</u> : Définitions</p>
<p><u>Ingingo ya 2</u>: Ikigamijwe n'iri teka</p>	<p><u>Article 2</u>: Scope</p>	<p><u>Article 2</u>: Objet du présent arrêté</p>
<p>UMUTWE WA II: UBURYO BUKURIKIZWA MU ISUZUMANGARUKA KU BIDUKIKIJE</p>	<p>CHAPTER II: ENVIRONMENTAL IMPACT ASSESSMENT PROCEDURE</p>	<p>CHAPITRE II : PROCEDURES EN MATIERE D'ETUDE D'IMPACT SUR L'ENVIRONNEMENT</p>
<p><u>Ingingo ya 3</u>: Gusaba uruhushya</p>	<p><u>Article 3</u>: Application for authorization</p>	<p><u>Article 3</u> : Demande d'autorisation</p>
<p><u>Ingingo ya 4</u>: Imirongo ngenderwaho y'inyigo y'isuzumangaruka ku bidukikije</p>	<p><u>Article 4</u>: Terms of reference of the Environmental Impact Study</p>	<p><u>Article 4</u> : Termes de Référence des Etudes d'Impact Environnemental</p>
<p><u>Ingingo ya 5</u>: Guhitamo impuguke zo gukora inyigo z'isuzumangaruka ku bidukikije</p>	<p><u>Article 5</u>: Choice of experts to conduct Environmental Impact Study</p>	<p><u>Article 5</u> : Choix des experts chargés mener l'Etude d'Impacts sur l'Environnement</p>
<p><u>Ingingo ya 6</u>: Inyigo y'isuzumangaruka ku bidukikije</p>	<p><u>Article 6</u>: The Environmental Impact Study</p>	<p><u>Article 6</u> : L'Etude d'Impacts sur l'Environnement</p>

<p><u>Ingingo ya 7:</u> Gutanga raporo y’inyigo y’isuzumangaruka ku bidukikije</p>	<p><u>Article 7:</u> Submission of the Environmental Impact Study Report</p>	<p><u>Article 7 :</u> Soumission du rapport de l’Etude d’Impacts sur l’Environnement</p>
<p><u>Ingingo ya 8:</u> Gusuzuma raporo y’inyigo ku isuzumangaruka ku bidukikije</p>	<p><u>Article 8:</u> Review of Environmental Impact Study Report by the Authority</p>	<p><u>Article 8 :</u> Analyse du Rapport de l’Etude d’Impacts sur l’Environnement par l’Autorité</p>
<p><u>Ingingo ya 9:</u> Uruhare rw’abarebwa n’umushinga</p>	<p><u>Article 9:</u> Public Participation</p>	<p><u>Article 9 :</u> Participation du Public</p>
<p><u>Ingingo ya 10:</u> Gufata icyemezo no gutanga uburenganzira</p>	<p><u>Article 10:</u> Decision Making and authorisation</p>	<p><u>Article 10 :</u> Prise de Décision et autorisation</p>
<p><u>Ingingo ya 11:</u> Ubujurire bwa nyir’umushinga</p>	<p><u>Article 11:</u> Appeal of the developer</p>	<p><u>Article 11 :</u> Appel du Promoteur</p>
<p>UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA</p>	<p>CHAPTER III: FINAL PROVISIONS</p>	<p>CHAPITRE III : DISPOSITIONS FINALES</p>
<p><u>Ingingo ya 12 :</u> Ivanwaho ry’ingingo zinyuraniye n’iri teka</p>	<p><u>Article 12 :</u> Repealing of inconsistent provisions</p>	<p><u>Article 12 :</u> Disposition abrogatoire</p>
<p><u>Ingingo ya 13:</u> Igihe iri teka ritangira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 13:</u> Commencement</p>	<p><u>Article 13 :</u> Entrée en vigueur</p>

ITEKA RYA MINISITIRI N° RYO KU WA/...../2008 RISOBANURA IBISABWA N'UBURYO BUKURIKIZWA MU GUKORA ISUZUMANGARUKA KU BIDUKIKIJE	MINISTERIAL ORDER N°.....OF...../...../2008 RELATING TO THE REQUIREMENTS AND PROCEDURE FOR ENVIRONMENTAL IMPACT ASSESSMENT	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N°.....DU...../...../2008 RELATIF AUX EXIGENCES ET PROCEDURE A SUIVRE POUR UNE ETUDE D'IMPACT SUR L'ENVIRONNEMENT
Minisitiri w'Umutungo Kamere;	The Minister of Natural Resources;	Le Ministre des Ressources Naturelles ;
<p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repbulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 49, iya 120, iya 121 n'iya 201;</p>	<p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 4 June, 2003 as amended to date, especially in Articles 49, 120, 121 and 201</p>	<p>Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 49, 120, 121 et 201 ;</p>
<p>Ashingiye ku Itegeko Ngenga N° 04/2005 ryo ku wa 08/04/2005 rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 67, iya 68, iya 69, n'iya 70;</p>	<p>Pursuant to Organic Law n° 04/2005 of 08/04/2005 establishing the Modalities of Protection, Conservation and Promotion of the Environment especially in Articles 67, 68, 69, 70;</p>	<p>Vu la Loi organique n° 04/2005 du 08/04/2005 portant modalités de protéger, sauvegarder et promouvoir l'environnement au Rwanda, spécialement en ses articles 67, 68, 69, 70 ;</p>
<p>Ashingiye ku Itegeko N° 26/2005 ryo ku wa 17/12/2005 rigamije guteza imbere no korohereza ishoramari n'ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3;</p>	<p>Pursuant to Law n° 26/2005 of 17/12/2005 relating to Investment and Export Promotion and Facilitation especially in Article 3;</p>	<p>Vu la Loi n° 26/2005 du 17/12/2005 portant promotion et facilitation des investissements et des exportations spécialement en son article 3;</p>
<p>Ashingiye ku itegeko n° 16/2006 ryo ku</p>	<p>Pursuant to Law n° 16/2006 of 03/04/2006</p>	<p>Vu la Loi n° 16/2006 du 03/04/2006</p>

<p>wa 03/04/2006 rigena imiterere n'inshingano by'Ikigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 14/11/2007 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p>ATEGETSE:</p> <p>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</p> <p>Ingingo ya Mbere: Ibisobanuro</p> <p>Muri iri teka amagambo akurikira yumvikana mu buryo bukurikira :</p> <ol style="list-style-type: none"> Inyigo y'ingaruka ku bidukikije ni isesengura rigamije kugaragaza ingaruka zishobora guterwa n'umushinga ku bidukikije, imibereho n'ubukungu mbere y'uko hafatwa icyemezo cyo kwemera uwo mushinga. Uruhare rw'abaturage ni uburyo bwo gutuma abaturage cyangwa 	<p>determining the organization, functioning and attributions of Rwanda Environment Management Authority especially in Article 3.</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet in its session of 14/11/2007 ;</p> <p>ORDERS:</p> <p>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</p> <p>Article One : Definitions</p> <p>For the purposes of this Order, the following terms mean :</p> <ol style="list-style-type: none"> Environmental impact study is a systematic way of identifying environmental, social and economic impacts of a project before a decision of its acceptance is made. Public Participation is a systematic way of involving public or relevant 	<p>portant organisation, fonctionnement et attributions de l'Office Rwandais de Protection de l'Environnement spécialement en son article 3.</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 14/11/2007;</p> <p>ARRETE :</p> <p>CHAPITRE PREMIER : DES DISPOSITIONS GENERALES</p> <p>Article Premier : Définitions</p> <p>Aux termes du présent arrêté les termes suivants signifient :</p> <ol style="list-style-type: none"> Etude d'impacts sur l'Environnement est une façon systématique d'identifier les impacts environnementaux, sociaux et économiques d'un projet avant la décision autorisant son exécution. Participation du public est une manière systématique
--	--	--

<p>izindi nzego bireba bagira ijambo mu igenamigambi, itegurwa ry'umushinga no gufata ibyemezo.</p> <p>3. Ikusanyabitekerezo ni uburyo bwo gukusanya ibitekerezo by'abatwariye cyangwa ibigo bishobora kugirwaho ingaruka n'umushinga kugirango uburenganzira bwabo bwubahirizwe mbere yuko wemererwa;</p> <p>4. Ikigo ni ukuvuga Ikigo cy'Igihugu cyo kubungabunga Ibidukikije, REMA mu magamba ahinnye;</p> <p>5. Impuguke ni inzobere cyangwa umuryango bafite ubumenyi, bujuje ibisabwa mu mabwiriza y'isuzumangaruka ku bidukikije kandi bemewe n' Ikigo mu gukora inyigo ku ngaruka ku bidukikije hakurikijwe iri teka.</p>	<p>institutions in project planning, development and decision making process.</p> <p>3. Public Hearing is a way of getting ideas from the people or institutions who/which might be affected directly or indirectly by the project with a view to protecting their rights before a project gets authorization.</p> <p>4. Authority means the Rwanda Environment Management Authority, REMA in abbreviation.</p> <p>5. Experts refers to Environmental Impact Assessor or any physical or moral person that is technically competent, fulfils the requirements of the Environmental Impact Assessment guidelines and is recognized by the Authority to conduct an Environmental Impact Assessment or studies in accordance to this Order.</p>	<p>d'impliquer le public ou les institutions concernées dans les processus de planification, de développement et de prise de décision.</p> <p>3. Consultation Publique est une manière de rassembler des préoccupations de la population ou des institutions susceptibles d'être affectées directement ou indirectement par le projet afin que leurs droits puissent être sauvegardés avant que celui-ci n'obtienne une autorisation.</p> <p>4. Autorité signifie l'Office Rwandais de Protection de l'Environnement, REMA en sigle.</p> <p>5. Experts fait référence aux experts en Etude d'Impact Environnemental ou à toute personne physique ou morale techniquement compétents, qui remplissent les exigences des directives de l'étude d'impact environnemental et sont reconnus par l'Autorité pour mener une Etude d'Impact sur</p>
--	---	--

<p>6. Abantu barebwa n'imishinga ikorerwa isuzumangaruka ku bidukikije ni abo imirimo, imishinga cyangwa ibikorwa bishobora kugiraho ingaruka by'umwihariko abaturage, ubuyobozi, imiryango n' ibigo by'aho umushinga uzakorera.</p> <p>Ingingo ya 2 : Ikigamijwe n'iri tegeko teka</p> <p>Iri teka rigamije kugaragaza ibisabwa n'uburyo bukurikizwa mu gukora inyigo ku ngaruka ku bidukikije.</p> <p>UMUTWE WA II: UBURYO BUKURIKIZWA MU ISUZUMANGARUKA KU BIDUKIKIJE</p> <p>Ingingo ya 3: Gusaba uruhushya</p> <p>Nyir'umushinga yandikira Ikigo ibaruwa yometseho incamake y'umushinga we.</p>	<p>6. Stakeholders refers to individuals, communities, government agencies, private organizations, non-governmental organizations or others having an interest or "stake" in both the Environmental Impact Assessment (EIA) process and outcomes of the project.</p> <p>Article 2 : Scope</p> <p>The present Order aims at determining the requirements and procedure for conducting an environmental impact assessment.</p> <p>CHAPITRE II: ENVIRONMENTAL IMPACT ASSESSMENT PROCEDURE</p> <p>Article 3: Application for authorization</p> <p>The developer submits an official application which includes a project brief of the</p>	<p>l'Environnement conformément au présent arrêté.</p> <p>6. Parties prenantes fait référence à tous les individus, communautés, agences gouvernementales, organisations privées, organisations non gouvernementales ou autres ayant un intérêt ou un enjeu dans le processus d'Etude d'Impact Environnemental (EIE) et les résultats du projet.</p> <p>Article 2 : Objet du présent arrêté</p> <p>Le présent arrêté a pour objet de déterminer les exigences et la procédure en matière d'évaluation d'impact environnemental.</p> <p>CHAPITRE II : PROCEDURE EN MATIERE D'ETUDE D'IMPACT ENVIRONNEMENTAL</p> <p>Article 3: Demande d'autorisation</p> <p>Le Promoteur soumet à l'Autorité sa demande d'autorisation contenant une</p>
---	---	---

<p>Ibisobanuro bisabwa mu ncamake y'umushinga biri mu mabwiriza y'isuzuma ngaruka ku bidukikije atangwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Kubungabunga Ibidukikije.</p> <p>Ingingo ya 4: Imirongo ngenderwaho y'inyigo y'isuzumangaruka ku bidukikije</p> <p>Ikigo gishyikiriza nyir'umushinga imirongo ngenderwaho ku inyigo y'isuzumangaruka ku bidukikije mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku itariki ibaruwa isaba yakiriweho.</p> <p>Nyir'umushinga ashobora gutegura imirongo ngenderwaho y'inyigo y'isuzumangaruka ku bidukikije ariko igomba kubanza kwemezwa n'Ikigo mbere yuko atangira inyigo.</p> <p>Ingingo ya 5: Guhitamo impuguke zo gukora inyigo z'isuzumangaruka ku bidukikije</p> <p>Iyi nyir'umushinga amaze kwakira imirongo ngenderwaho y'inyigo y'isuzumangaruka ku bidukikije ahitamo</p>	<p>proposed project to the authority. The details of the required information can be found in the Environmental Impact Assessment guidelines provided by Rwanda Environment Management Authority.</p> <p>Article 4: Terms of reference of the Environmental impact study</p> <p>Within thirty (30) calendar days after receipt of the project brief and after its analysis, the Authority shall submit the Terms of reference to the developer for the Environmental impact study.</p> <p>The Developer may also prepare the Terms of Reference provided they are approved by the authority before conducting the study.</p> <p>Article 5: Selection of experts to conduct Environmental impact study</p> <p>Upon reception of the Terms of Reference by the developer, he/she shall select experts from the list of experts published by the</p>	<p>brève description du projet proposé. Le détail des informations requises est dans les directives de l'étude d'impact environnemental fournies par l'Office Rwandais de Protection de l'Environnement.</p> <p>Article 4 : Termes de Référence des Etudes d'Impact</p> <p>Endéans trente (30) jours calendrier à dater de la réception d'une brève description du projet et après son analyse, l'Autorité remettra au Promoteur les Termes de Référence pour l'Etude d'Impact Environnemental.</p> <p>Le Promoteur peut également préparer des Termes de Référence qui devront être approuvés par l'Autorité avant de commencer l'étude.</p> <p>Article 5 : Choix des experts menant l'Etude d'Impacts sur l'Environnement</p> <p>Après réception des Termes de Référence par le Promoteur, il/elle choisit les experts parmi ceux figurant</p>
--	---	--

<p>impuguke ku rutonde rw'impuguke rwatangajwe na Minisiteri ifite Ibidukikije mu nshingano zayo kugirango zikore inyigo.</p> <p>Impuguke zatoranijwe zigomba kuba zidafite inyungu ziziguye cyangwa zitaziguye muri uwo mushinga.</p> <p>Nyir'umushinga ashobora gushyikiriza Ikigo indi mpuguke cyangwa izindi mpuguke zitari ku rutonde kugira ngo kizemeze.</p> <p>Mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi nyuma yo kugezwaho izina cyangwa amazina y'impuguke bifuza gukoresha zatoranijwe, Ikigo kimenyesha nyir'umushinga niba cyemeye cyangwa cyanze izo mpuguke. Iyo Ikigo cyafashe icyemezo cyo kwanga izo mpuguke gisobanura impamvu .</p> <p>Ingingo ya 6: Inyigo y'isuzumangaruka ku bidukikije</p> <p>Inyigo y'isuzumangaruka ku bidukikije igomba kubahiriza ibisabwa ku mirongo ngenderwaho ivugwa mu ngingo ya 4 y'iri teka.</p>	<p>Ministry in charge of the environment to carry out the study.</p> <p>The selected experts should have no direct or indirect interests in the project.</p> <p>The developer may propose to the Authority, for approval any other(s) competent Environmental Impact Assessment Expert(s) whose name is not on the published list.</p> <p>Within a period of five (5) working days after reception of the proposed experts, the Authority will notify the developer of its acceptance or refusal of the proposal. In case of refusal the Authority shall provide justification.</p> <p>Article 6: The Environmental Impact Study</p> <p>The environmental impact study shall be based on the Terms of Reference mentioned in article 4 of this Order.</p>	<p>sur la liste publiée par le Ministère ayant l'environnement dans ses attributions pour mener l'étude.</p> <p>Les experts choisis ne doivent avoir aucun intérêt direct ou indirect dans ce projet.</p> <p>Le Promoteur peut proposer à l'Autorité, pour approbation, l'expert ou les experts de son choix ne figurant pas sur la liste publiée.</p> <p>Endéans cinq (5) jours ouvrables à dater de la réception de la notification des experts proposés, l'Autorité notifiera au Promoteur son acceptation ou refus de la proposition. En cas de refus, l'Autorité doit justifier sa décision.</p> <p>Article 6 : L'Etude d'Impacts sur l'Environnement</p> <p>L'étude d'impact sur l'environnement doit être basée sur les Termes de Référence mentionnés à l'article 4 du présent arrêté.</p>
---	--	---

<p>Inyigo y'isuzumangaruka ku bidukikije ikorwa hitaweho ibitekerezo by'inzezo n'abantu barebwa n'umushinga.</p> <p>Ingingo ya 7: Gutanga raporo y'inyigo y'isuzumangaruka ku bidukikije</p> <p>Iyo nyir'umushinga amaze gukora raporo ashidikiriza Ikigo kopi eshanu (5) za raporo y'inyigo y'isuzumangaruka ku bidukikije na kopi isomwa kuri mudasobwa (soft copy).</p> <p>Nyir'umushinga ashobora gusobanura ibindi abona ko ari ngombwa bidateganijwe mu mirongo ngenderwaho ku mugereka wa raporo.</p> <p>Ingingo ya 8: Gusuzuma raporo y'inyigo kw'isuzumangaruka ku bidukikije.</p> <p>Nyuma yo kwakira raporo ikigo kiyisuzuma hagamijwe kureba niba ihuye n'imirongo ngenderwaho yatanze. Mu gihe cy'iminsi makumyabiri (20) y'akazi cyakiriye raporo, Ikigo cyemera cyangwa gisaba</p>	<p>The environmental impact study shall be done with due consideration of the opinion of all the relevant stakeholders.</p> <p>Article 7: Submission of the Environmental Impact Study Report</p> <p>Upon completion of the environmental impact study, the developer shall deposit with the Authority five (5) hard copies and a soft copy of the report.</p> <p>Where the developer deems it necessary he may provide an addendum to the report for the facts that are not provided for under the Terms of Reference.</p> <p>Article 8: Analysis of Environmental Impact Study Report</p> <p>Upon receipt of the environmental impact study report, the Authority shall analyse the report to verify its conformity to the Terms of Reference. The Authority shall, within twenty (20) working days, accept or request</p>	<p>L'étude d'impact sur l'environnement doit être menée en concertation avec toutes les parties prenantes.</p> <p>Article 7 : Soumission du rapport de l'Etude d'Impacts sur l'Environnement</p> <p>Lorsque l'Etude d'Impacts sur l'Environnement est terminée, le Promoteur dépose auprès de l'Autorité cinq (5) copies du rapport sous format imprimé et une copie du rapport sous format électronique (soft copy).</p> <p>le Promoteur peut fournir un Addendum au Rapport pour les faits qui ne sont pas prévus pas dans les Termes de Référence lorsqu'il le juge nécessaire.</p> <p>Article 8 : Analyse du Rapport de l'Etude d'Impacts sur l'Environnement</p> <p>Après la réception du Rapport de l'Etude d'Impacts sur l'Environnement, l'Autorité entreprend une analyse du rapport afin de confirmer qu'il répond bien aux Termes de Référence. Dans un délai de</p>
---	--	---

<p>nyir'umushinga ibiburamo</p> <p>Bitewe n'umwihariko w'umushinga, iminsi yavuzwe mu gika cya mbere ishobora kwiyongera ariko bibanje kumenyeshwa nyir'umushinga na Minisitiri ufite ibidukikije mu nshingano ze, mu nyandiko mbere yuko iminsi yavuzwe mu gika cya mbere irangira.</p> <p>Iyo bibaye ngombwa ko Ikigo gitangiza ikusanyabitekerezo ku barebwa n'umushinga, hyongeraho iminsi mirongo itatu (30) y'akazi kuva umunsi itangazo rimenyekanisha ikusanyabitekerezo ryatanzwe.</p> <p>Ingingo ya 9: Uruhare rw'abarebwa n'umushinga</p> <p>Abarebwa n'umushinga bashobora gutanga ibitekerezo byabo kuri raporo y'isuzumangaruka ku bidukikije kandi bakanagaragaza ingaruka umushinga ushobora kugira.</p> <p>Ikigo ni cyo cyishyura amafaranga yose</p>	<p>for additional information from the developer.</p> <p>Depending on the nature of the project, the days mentioned in paragraph one may be increased after informing, in writing, the developer and the Minister in charge of the environment before the elapse of the days mentioned in paragraph one.</p> <p>If it becomes necessary to hold public hearing, the Authority shall require an additional period of thirty (30) working days from the date of public hearing notification.</p> <p>Article 9: Public Participation</p> <p>The stakeholders may comment on the environmental impact report and express views on the impact of the proposed development.</p> <p>The Authority shall cover all costs of the</p>	<p>vingt (20) jours ouvrables, l'Autorité marque son accord ou peut demander au Promoteur un complément d'information.</p> <p>Selon la nature du projet, le délai mentionné dans le premier paragraphe peut être prolongé après que le Promoteur ainsi que le Ministre ayant l'environnement dans ses attributions en soient informés par écrit avant l'expiration du délai mentionné dans le premier paragraphe.</p> <p>Lorsque la consultation publique est nécessaire, ce délai est prolongé de trente (30) jours ouvrables à partir de la date de publication de ladite consultation.</p> <p>Article 9 : Participation du Public</p> <p>Les parties prenantes peuvent donner leurs points de vue sur le rapport d'Etude d'Impact Environnemental en précisant clairement les impacts du projet.</p> <p>L'Autorité couvre tous les frais encourus</p>
---	--	---

<p>ajyanye n' ikusanyabitekerezo.</p> <p>Mu rwego rw'ikusanyabitekerezo, Ikigo kimenyesha abaturage ibi bikurikira :</p> <p>(a) Igihe, umunsi n'ahantu ikusanyabitekerezo rizabera hakoreshejwe nibura uburyo butatu mu bukurikira:</p> <p>(i) Gutangaza kabiri mu binyamakuru byo mu gihugu;</p> <p>(ii) Gutangaza inshuro enye (4) kuri radiyo;</p> <p>(iii) Kumanika amatangazo aho umushinga uzakorera.</p> <p>(b) Umwirondoro wa nyir'umushinga ugaragaza amazina n'aho abarizwa.</p> <p>Ingingo ya 10: Gufata icyemezo no gutanga uburenganzira</p> <p>Ikigo kimenyesha nyir'umushinga icyemezo cyafashwe ku mushinga we mu nyandiko.</p>	<p>public hearing process.</p> <p>In the framework of public hearing, the Authority shall notify the public of :</p> <p>(a) The day, time and venue where the public hearing shall take place by using at least any of the three of the following means:</p> <p>(i) Publishing a notice twice in any local newspapers;</p> <p>(ii) Running four (4) radio announcements ;</p> <p>(iii) Putting up posters at the site of the proposed development.</p> <p>(b) The developer's details include name and address.</p> <p>Article 10: Decision Making and Authorisation</p> <p>The Authority shall communicate its decision to the developer in writing.</p>	<p>pour l'organisation de la consultation publique.</p> <p>L'Autorité doit notifier au public :</p> <p>a) Le jour, heure et lieu où se tiendra la séance publique en utilisant au moins les trois moyens de communication suivants:</p> <p>(i) Publication d'un avis à deux reprises dans la presse écrite locale ;</p> <p>(ii) Passage de quatre (4) annonces à la radio ;</p> <p>(iii) Affichage de posters sur les lieux où le projet sera exécuté.</p> <p>(b) Les coordonnées du Promoteur incluant son nom et adresse.</p> <p>Article 10 : Prise de Décision et Autorisation</p> <p>L'Autorité communique sa décision au Promoteur par écrit.</p>
--	--	---

Ingingo ya 11: Ubujurire bwa nyir'umushinga	Article 11: Appeal of the developer	Article 11: Appel du Promoteur
<p>Iyo nyir'umushinga atemeye icyemezo cyafashwe n'Ikigo, afite uburenganzira bwo kujuririra Minisiteri ifite ibidukikije mu nshingano zayo mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) y'akazi kuva igihe icyemezo cyatangarijwe.</p> <p>Dosiye y'ubujurire iba ikubiyemo ibi bikurikira:</p> <p>a) Ubujurire bwanditse kandi businye; b) Kopi y'icyemezo cyafashwe; c) N'izindi nyandiko abona ko ari ngombwa.</p> <p>Iyo bibaye ngombwa, Minisiteri ishobora kwifashisha impuguke mu gusuzuma ubujurire ariko ikiguzi cy'imirimo yakozwe gitangwa na nyir'umushinga.</p> <p>Nyuma y'isuzuma ry'ubujurire Minisiteri imenyeshya nyir'umushinga mu nyandiko icyemezo cyafashwe.</p>	<p>In case a project is not approved, a developer may appeal against the decision of the Authority to the Ministry in charge of environment within thirty (30) working days from the date of the decision notification.</p> <p>The appeal file shall contain the following:</p> <p>a) A duly signed petition; b) Copy of the record of decision; c) Any other document deemed relevant.</p> <p>Where necessary, the Ministry may use an independent expert to analyze the developer's appeal, however the costs involved are incurred by the developer.</p> <p>The Ministry shall communicate its decision in writing to the developer after analyzing his/her appeal.</p>	<p>Lorsque le projet n'est pas approuvé, le Promoteur peut faire appel contre la décision de l'Autorité. L'appel se fait auprès du Ministère ayant l'environnement dans ses attributions dans un délai de trente (30) jours ouvrables à compter de la publication de la décision de l'Autorité.</p> <p>Le dossier d'appel contient les pièces suivantes :</p> <p>a) un document d'appel signé ; b) une copie du compte-rendu de la décision ; c) et d'autres documents considérés pertinents.</p> <p>Quand il apparaît nécessaire, le Ministère peut recourir à une expertise externe pour examiner le dossier de recours, les frais de l'expertise sont couverts par le Promoteur.</p> <p>Après avoir examiné le dossier d'appel, le Ministère habilité doit communiquer par écrit sa décision au Promoteur.</p>

UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA	CHAPTER III: FINAL PROVISIONS	CHAPITRE III : DISPOSITIONS FINALES
<p>Ingingo ya 12: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</p>	<p>Article 12: Repealing of inconsistent provisions</p>	<p>Article 12 : Disposition abrogatoire</p>
<p>Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.</p>	<p>All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.</p>	<p>Toutes les dispositions réglementaires antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.</p>
<p>Ingingo ya 13: Igihe iteka ritangira gukurikizwa.</p>	<p>Article 13: Commencement</p>	<p>Article 13 : Entrée en vigueur</p>
<p>Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p>This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
<p>Kigali, ku wa</p>	<p>Kigali, on</p>	<p>Kigali, le</p>
<p>Minisitiri w'Umutungo Kamere.</p>	<p>The Minister of Natural Resources</p>	<p>Le Ministre des Ressources Naturelles</p>
<p>KAMANZI Stanislas</p>	<p>KAMANZI Stanislas</p>	<p>KAMANZI Stanislas</p>

<p>Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Ibidukikije, Amazi na Mine muri Minisitiri y'Umutungo Kamere</p> <p>Prof. MUNYANGANIZI BIKORO</p> <p>Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika</p> <p>Minisitiri w'Ubutabera / Intumwa Nkuru ya Leta</p> <p>KARUGARAMA Tharcisse</p>	<p>The Minister of State in charge of Environment, Water and Mines in Ministry of Natural Resources</p> <p>Prof. MUNYANGANIZI BIKORO</p> <p>Seen and sealed with the Seal of the Republic :</p> <p>The Minister of Justice/ Attorney General</p> <p>KARUGARAMA Tharcisse</p>	<p>Le Secrétaire d'Etat chargé de l'Environnement, de l'Eau et des Mines au Ministère des Ressources Naturelles</p> <p>Prof. MUNYANGANIZI BIKORO</p> <p>Vu et Scellé du Sceau de la République:</p> <p>Ministre de la Justice /Garde des Sceaux</p> <p>KARUGARAMA Tharcisse</p>
---	--	---